# ITANGAZO RIGENEWE ABASURA INGORO NDANGAMURAGE

Inteko y'Umuco iramenyesha Abagana Ingoro Ndangamurage z'u Rwanda ko guhera kuri uyu wa 05 Mutarama 2024 hatangira gukurikizwa ibiciro bishya mu gusura ingoro ndangamurage ndetse no kwishyura serivisi zinyuranye zitangirwa mu ngoro ndangamurage z'u Rwanda ziri hirya no hino mu Gihugu.

Ingamba zo kugena ibiciro bishya zashyizweho kugira ngo abagana ingoro ndangamurage boroherwe no kuzisura ndetse bishyure ibiciro bijyanye n'igihe. Mu kugena ibi biciro kandi hifashishijwe ibiciro biri ku isoko rya none, hashingiwe kandi ku kiguzi gitangwa ngo izo serivisi zigere ku bagana ingoro ndangamurage mu buryo bworoshye.

**Icyitonderwa:** Ibiciro bishya bigaragara ku rubuga rwa murandasi rw'Inteko y'Umuco: www.rwandaheritage.gov.rw

Bikorewe i Huye ku wa 04/ 01/2024

Digitally signed by RCHA(Director General )1
Date: 2024.01.04 16:21:27 +02'00'

RWANDA CULTURAL HERITAGE ACADEMY (RCHA)

**Amb. Robert MASOZERA**
**Intebe y'Inteko/ Inteko y'Umuco**